RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** **Taliki 14-16 Mata**



**P1. Swimming :** Ikipe ya CS Karongi yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo

P1 **Swimming :** Ikipe ya CS Karongi yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P2 **Football :** Uko imikino y'umunsi wa 26 yagenze

P2 **Basketball :** Habaye imyitozo y'ikipe y'igihugu y'abatarengeje imyaka 16

P3 **Basketball :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P4 **Cricket :** IPRC Kigali yegukanye "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023"

P5 **NPC-Rwanda :** Habaye inteko rusange n' amahugurwa y'abashinzwe imikino mu turere

P5 **Cricket :** Ishimwe yahawe igihembo nk'umukinnyi witwaye neza muri Werurwe 2023

P6 **Volleyball :** Abasifuzi bahawe amahugurwa mbere y'itangira rya shampiyona

# 1 **Swimming :** Ikipe ya CS Karongi yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" ndetse na Komite Olempike y'u Rwanda ni ryo ryabimburiye andi mashyirahamwe y'imikino gutegura irushanwa ryo kwibuka ku nshuro ya 29 abari mu muryango mugari wa siporo barimo abakinnyi, abatoza, abayobozi n'abakunzi b'imikino bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iri rushanwa "Genocide Memorial Swimming Championship 2023" ryabereye muri Green Hills Academy i Nyarutarama taliki 15 Mata 2023.

Abakinnyi basaga 130 bari baturutse mu makipe 10 ni bo bitabiriye bakaba bari mu byiciro bitandukanye by'imyaka.

Ikipe ya CS Karongi ni yo yegukanye umwanya wa mbere ikurikirwa na Mako Sharks SC naho ku mwanya wa 3 haza ikipe ya Les Dauphins SC.

Perezida wa RSF, Girimbabazi Rugabira Pamela yatangaje ko irushanwa ryagenze neza. Yakomeje avuga ko abitabiriye benshi ari abakiri bato ko uyu ari umwanya mwiza wo kubabwira amateka y'igihugu bagakura bayazi ndetse bakamenya n'uko bagomba kwitwara ubundi bagafatanya n'abandi mu guteza imbere igihugu.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS", Niyonkuru Zephanie yagaragaje ko iri rushanwa ryo Koga ari ryo ryabimburiye andi yateguwe muri iki gihe cy'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yakomeje avuga ko bishimiye uburyo iri rushanwa ryitabiriwe n'abakinnyi benshi kandi bamwe bakaza baherekejwe n'ababyeyi babo. Ati : "Ubutumwa rero twabahaye ni uko tugomba kwibuka twiyubaka ariko tunarwanya ingengabitekerezo ya Jenoside tunahangana n'abakiyipfobya."

Niyonkuru yavuze ko iyi gahunda y'imikino yo kwibuka izakomeza mu yandi mashyirahamwe y'imikino agera kuri 17 .
Irushanwa ryo kwibuka rizakurikiraho ni iryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Table Tennis rikazaba taliki 22 Mata 2023.













## **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 26 yagenze

Taliki 15 na 16 Mata 2023 habaye imikino y'umunsi wa 26 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo. Ikipe ya APR FC yanganyije na GasogiUnited 0-0, Kiyovu itsinda AS Kigali igitego 1-0 bituma aya amakipe anganya amanota, gusa APR FC ni yo ikomeje kuyobora urutonde by'agateganyo.

Taliki 22 na 23 Mata 2023 hazakinwa imikino y'umunsi wa 24 yasubitswe ubwo Amavubi yitegura imikino yo gushaka itike ya CAN 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 15-04-2023**
- Gorilla FC **4-1** Etincelles FC
- Rwamagana City FC **1-2** Musanze FC
- Kiyovu **1-0** AS Kigali
- APR FC **0-0** Gasogi United

**Taliki 16-04-2023**
- Police FC **1-0** Rutsiro FC
- Mukura **0-1** Marines FC
- Espoir FC **1-0** Sunrise FC
- Bugesera FC **0-2** Rayon Sports

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 25 | 53 |
| 2 | Kiyovu | 25 | 53 |
| 3 | Rayon Sprots | 25 | 49 |
| 4 | AS Kigali | 25 | 42 |
| 5 | Police FC | 25 | 42 |
| 6 | Gasogi United | 25 | 38 |
| 7 | Etincelles FC | 25 | 37 |
| 8 | Gorilla FC | 25 | 35 |
| 9 | Mukura | 25 | 34 |
| 10 | Musanze FC | 25 | 33 |
| 11 | Bugesera FC | 25 | 28 |
| 12 | Rwamagana City | 25 | 26 |
| 13 | Sunrise FC | 25 | 25 |
| 14 | Marines FC | 25 | 22 |
| 15 | Rutsiro FC | 25 | 21 |
| 16 | Espoir FC | 25 | 17 |



## **Basketball :** Habaye imyitozo y'ikipe y'igihugu y'abatarengeje imyaka 16

Kuva taliki 12 kugeza 14 Mata 2023 muri LDK habereye imyitozo y'abana batarengeje imyaka 16 mu bakobwa n'abahungu bakina umukino wa Basketball.

Iyi myitozo yari igamije gutoranya abana bazajya mu ikipe y'igihugu y'u Rwanda izakina imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Afurika "FIBA Africa U-16 Championship Qualifiers 2023", imikino izaba muri uyu mwaka.

Abana 67 barimo abahungu 31 n'abakobwa 36 ni bo bitabiriye iyi myitozo y'iminsi 3.







# **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 15 na 16 Mata 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere mu bagore n'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - WOMEN'S CAT DAY 9 RESULTS

### FIRST ROUND

SATURDAY 15/04/2023

| | | |
|---|---|---|
| GS MARIE REINE | 50-67 | REG BBC |
| UR HUYE BBC | 55-91 | THE HOOPS RWA |
| APR BBC | 124-30 | UR KIGALI |

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 WOMEN DIVISION 1 \| 1ST ROUND RANKING 15/04/2023

| ANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | APR BBC | 6 | 6 | 0 | 0 | 12 | 507 | 230 | 277 |
| | REG BBC | 6 | 5 | 1 | 0 | 11 | 574 | 290 | 284 |
| | GS MARIE REINE BBC | 6 | 3 | 3 | 0 | 9 | 349 | 284 | 65 |
| | THE HOOPS RWA | 6 | 2 | 4 | 0 | 8 | 315 | 381 | -66 |
| | RP-IPRC HUYE BBC | 5 | 3 | 2 | 0 | 8 | 377 | 297 | 80 |
| | GS GAHINI BBC | 5 | 3 | 2 | 0 | 8 | 225 | 292 | -67 |
| | UR KIGALI BBC | 6 | 1 | 5 | 0 | 7 | 184 | 528 | -344 |
| | UR HUYE BBC | 6 | 0 | 5 | 1 | 5 | 223 | 452 | -229 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S DIV 2 DAY 2 RESULTS

### SECOND ROUND

SATURDAY 15/04/2023

| | | |
|---|---|---|
| RUSIZI BBC | 86-64 | KARONGI BBC |
| WIBENA | 72-55 | REBERO BB ACADEMY |
| INTARE | 75-73 | ELITE |
| KEPLER BBC | 62-53 | INSPIRED GENERATION |
| KICUKIRO BUCKETS | 54-58 | UR KIGALI |
| BLACK THUNDERS BBC | 61-74 | AZOMCO |
| ITS KIGALI | 104-63 | UK BBC |

SUNDAY16/04/2023

| | | |
|---|---|---|
| UR HUYE | 72-54 | WIBENA |
| ELITE | 120-51 | UK BBC |

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN DIVISION 2 \| 2ND ROUND RANKING 16/04/2023 - GROUP A

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | RUSIZI BBC | 10 | 10 | 0 | 0 | 20 | 784 | 608 | 176 |
| 2 | ITS KIGALI BBC | 10 | 7 | 3 | 0 | 17 | 736 | 625 | 111 |
| 3 | KARONGI BBC | 10 | 6 | 4 | 0 | 16 | 699 | 576 | 123 |
| 4 | INTARE BBC | 10 | 6 | 4 | 0 | 16 | 673 | 613 | 60 |
| 5 | THE HOOPS | 9 | 6 | 3 | 0 | 15 | 646 | 582 | 64 |
| 6 | ELITE BBC | 11 | 4 | 7 | 0 | 15 | 773 | 702 | 71 |
| 7 | KICUKIRO BUCKETS | 10 | 3 | 7 | 0 | 13 | 557 | 570 | -13 |
| 8 | UR KIGALI BBC | 10 | 3 | 7 | 0 | 13 | 593 | 649 | -56 |
| 9 | UK BBC | 10 | 0 | 10 | 0 | 10 | 466 | 1002 | -536 |

## MEN D2 \| 2ND ROUND RANKING 16/04/2023 - GROUP B

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | KEPLER BBC | 10 | 9 | 1 | 0 | 19 | 713 | 506 | 207 |
| 2 | INSPIRED GENERATION | 10 | 8 | 2 | 0 | 18 | 771 | 502 | 269 |
| 3 | FLAME BBC | 10 | 7 | 3 | 0 | 17 | 697 | 562 | 135 |
| 4 | WIBENA BBC | 11 | 6 | 5 | 0 | 17 | 715 | 663 | 52 |
| 5 | AZOMCO BBC | 10 | 6 | 4 | 0 | 16 | 583 | 635 | -52 |
| 6 | UR HUYE BBC | 10 | 5 | 5 | 0 | 15 | 680 | 667 | 13 |
| 7 | BLACK THUNDERS BBC | 10 | 2 | 8 | 0 | 12 | 513 | 684 | -171 |
| 8 | REBERO BB ACADEMY | 9 | 2 | 7 | 0 | 11 | 419 | 549 | -130 |
| 9 | SPARTANS BBC | 10 | 0 | 10 | 0 | 10 | 420 | 743 | -323 |

# **Cricket :** IPRC Kigali yegukanye "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023"

Ikipe ya IPRC Kigali CC ni yo yegukanye irushanwa "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023" ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufatanye na Dafabet.

Iyi kipe yegukanye igikombe nyuma yo gutsindira ku mukino wa nyuma Challengers CC, umukino wabereye kuri Sitade Mpuzamahanga i Gahanga taliki 15 Mata 2023.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 6 asanzwe akina shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo ari yo Challengers CC, Right Guards CC, Zonic Tigers CC, Kigali CC, Telugu Royals CC na IPRC Kigali CC. Aya makipe akaba yarakinnye hagati yayo kuva taliki 18 Werurwe kugeza 02 Mata 2023.

Nyuma y'iyi mikino y'amajonjora, ikipe ya Challengers CC yasoje ifite amanota 10 iyoboye urutonde ikurikiwe na IPRC Kigali CC n'amanota 6.

Aya makipe yombi akaba yaragombaga gukina umukino wa nyuma kugira ngo hamenyekane ikipe itwara igikombe.

Muri uyu mukino wa nyuma, ikipe ya IPRC Kigali CC ni yo yatangiye ikubita agapira ishaka amanota "Batting" maze mu dupira 60 (10 Overs) ikora amanota 82 mu gihe abakinnyi 4 ari bo basohowe mu kibuga.

Mu gice cya kabiri, ikipe ya Challengers CC yasabwaga amanota 83 ngo yegukane intsinzi yatangiye gukubira agapira "Batting" maze mu dupira 60 (10 Overs) ikora amanota 71 mu gihe abakinnyi 7 ari bo basohowe mu kibuga.

Ikipe ya IPRC Kigali CC ikaba yarahise yegukana intsinzi ku kinyuranyo cy'amanota 11.

Mu mukino w'amajonjora wari wahuje aya makipe yombi, Challengers CC yari yatsinze IPRC Kigali CC ku kinyuranyo cy'amanota 19.

Iyi kipe ya IPRC Kigali CC iri ni ryo rushanwa rya mbere yari ikinnye mu cyiciro cya mbere kuko yazamutse uyu mwaka.

Ikipe ya IPRC Kigali CC yahawe igikombe n'ibihumbi 500 naho ikipe ya Challengers CC yabaye iya kabiri ihabwa ibihumbi 250.








## **NPC-Rwanda :** Habaye inteko rusange n' amahugurwa y'abashinzwe imikino mu turere

Taliki 15 na 16 Mata 2023, Komite y'imikino y'abantu bafite ubumuga mu Rwanda "NPC-Rwanda" yahuguye abayobozi bashinzwe imikino y'abantu bafite ubumuga mu turere "DPSCOs" ku bijyanye n'iterambere ry'iyi mikino n'imiyoborere myiza.

Abahuguwe basobanuriwe neza imiyoborere y'imikino y'abantu bafite ubumuga kandi banasobanurirwa uruhare rwabo mu gufasha mu iterambere ry'iyi mikino.

Nyuma y'aya mahugurwa, taliki 16 Mata 2023 habaye inama y'inteko rusange.

Muri iyi nama hemejwe inyandikomvugo y'inama y'inteko rusange ya 2022, hagaragajwe raporo y'ibyakozwe n'iy'ikoreshwa ry'umutungo muri 2022 ndetse na gahunda y'ibikorwa bya 2023.

Abanyamuryango kandi bagaragarijwe raporo y'abagenzuzi b'umutungo ndetse na raporo y'akanama nkemurampaka.
Abitabiriye inama y'inteko rusange ya NPC-Rwanda kandi nkuko byari biri mu bigomba gukorwa, batoye abagomba kuzuza inzego.

Mutabazi Innocent usanzwe akorera Ministeri y'Ubutabera mu Karere ka Karongi yatorewe kuba Visi Perezida wa mbere ushinzwe amarushanwa asimbuye Safari William.

Rugayampunzi Antoine usanzwe ari DPSCO w'Akarere ka Burera atorerwa kuba Visi Perezida wa ngenzuzi.

Muri iyi nteko rusange kandi bemeje ko aba DPSCO bagomba kujya bakorera ku mihigo.






## **Cricket :** Ishimwe yahawe igihembo nk'umukinnyi witwaye neza muri Werurwe 2023

Ishimwe Henriette ukinira ikipe y'igihugu y' u Rwanda akaba na kapiteni w'ikipe ya Indatwa Hampshire CC mu cyiciro cya mbere yahawe igihembo n'ishyirahamwe mpuzamahanga ry'umukino wa Cricket "ICC" nk'uwitwaye neza muri Werurwe 2023 "ICC Women's Player of the Month for March 2023".

Iki gihembo yagishyikirijwe ku wa Gatanu taliki 14 Mata 2023. Taliki 12 Mata 2023 ni bwo ICC yatangaje ko Ishimwe Henriette ari we wegukanye igihembo.

Uyu mukinnyi ufite imyaka 19 umaze iminsi yitwara neza mu mikino mpuzamahanga, yabonye iki gihembo ahigitse abakinnyi babiri bakomoka muri Papua New Guinea ari bo Sibona Jimmy na Ravini Oa.

Taliki 06 Mata 2023 akaba ari bwo hari hatangajwe abakinnyi 3 bagomba guhatanira igihembo.

Mu bagabo iki gihembo cyahawe, Shakib Al Hasan akaba ari kapiteni w'ikipe y'igihugu ya Bangladesh. Uyu mukinnyi ufite imyaka 36 y'amavuko yari ahanganiye iki gihembo na Kane Williamson (New Zealand na Asif Khan (UAE).





# **Volleyball :** Abasifuzi bahawe amahugurwa mbere y'itangira rya shampiyona

Abasifuzi b'umukino wa Volleyball mu Rwanda bahawe amahugurwa y'umunsi umwe yabereye mu Mujyi wa Kigali, taliki 15 Mata 2023.

Aya mahugurwa yahuje abasifuzi mpuzamahanga n'abasifura ku rwego rw'igihugu akaba yarateguwe n'ihuriro ryabo ku bufatanye n'ishyirahamwe ry'umukino wa volleyball mu Rwanda "FRVB" mu rwego rwo kwisuzuma, kwinenga no kongera kwihugura, bijyanye no kwibukiranya ibiranga umusifuzi w'umunyamwuga w'umukino wa Volleyball ku isi.

Muri aya mahugurwa, abasifuzi b'umukino wa Volleyball mu Rwanda bongeye kwisuzuma, basubira mu mategeko y'uyu mukino haba mu mukino nyirizina, ndetse na nyuma na mbere y'uko umukino utangira.


Ibi bibaye mbere y'uko shampiyona ya Volleyball mu Rwanda mu mwaka wa 2023 itangira kuko biteganyijwe ko izatangira taliki ya 22 Mata 2023.

Aya mahugurwa yatangijwe ku mugaragaro n'Umunyamabanga mukuru wa FRVB, Mucyo Philbert.

Muri uyu mwiherero, abasifuzi bamurikiwe Komite nshya ibahagarariye iyobowe n'umusifuzi mpuzamahanga Ndayisaba Alphonse nka Perezida ndetse akaba yungirijwe na mugenzi we na we w'umusifuzi mpuzamahanga, Mukundiyukuri Jean de Dieu akaba ari n'impuguke mu mukino wa Volleyball yo ku mucanga "Beach Volleyball".

Hari kandi Dr. Ineza Claire (Umunyamabanga), Harerimana Herman (Umujyanama), Mugabekazi Marie Reine (Gender), Ishimwe Clemence (Ass.Gender), Ntibarikure Simon (Imibereho myiza), Uwanyirigira Beatrice (Umwungiriza).

Hari abashinzwe ikinyabupfura, Kubwimana N. Ernest, Ntihemuka Jean Bosco (Umwungiriza), Rafiki Jean Claude (Umwungiriza wa 2).











Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave